

# REPUBULIKA Y'U RWANDA



## URUKIKO RWISUMBUYE RWA

### GASABO

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022 umunsi wa 22 w' ukwezi kwa Ukwakira;

Twebwe UWERA Immaculee, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWANTEGE Mariane;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo uwitwa NGABONZIZA bakunda kwita Burakari, warezwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo kwiba hakoreshejwe intwari, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo y'170 y'Itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryavugururwe kugeza ubu ;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite nimeru 01903/IPRL GASA/2020/FM/AU cyageze mu rukiko kuwa 28/10/2020 09:54 cyandikwa kuri RP 01217/2020/TGI/GSBO;

Tumaze kubona ko NGABONZIZA bakunda kwita Burakari atitabiriye iburanisha ry'urubanza ryo ku wa 22/12/2022 08:00 kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, iburanisha ry'urubanza yarezwemo n'Ubushinjacyaha ryashyizwe tariki ya 23/02/2023 09:00 za mugitondo kugira ngo ahamagazwe nkuwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'ya 161 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganywa uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganywa uko acirwa urubanza iyo atitabye;

